*Ukwakira 2025* *ikinyarwanda*

# Nturi wenyine!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu, Papa Fransiskusi aduhamagararimo kuba intumwa z'ukwizera, Rieke arabasangiza ibihe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Kuva mu bwana bwanjye, nakuranye inyota yo kumenya ibyo hanze, kure y'aho mvuka. Nahoranaga agatima ko gushaka kumenya isi mu mpande zayo zitandukanye. Mu myaka mito yanjye, kimwe n'abandi banyeshuri twiganaga, nari mfite icyifuzo gikomeye cyo kuzajya nko muri Amerika nkamarayo umwaka wose! Nari mfite imyaka 15, ni uko ku bw'amahirwe mbona burse ibinyemerera.

Ubwo igihe cyo kurira indege cyegerezaga, natangiye kugira ugushidikanya mu mutima wanjye. Ese nzabishobora kumara umwaka wose njyenyine, kure yo mu rugo? Ese nzashobora kwisanga mu mikorere y'ikindi gihugu ntari nzi na mba? N'ubwo bwose nari nifitemo ugushidikanya kwinshi, nakomeye ku cyifuzo cyanjye, ni uko mfata urwo rugendo.

Hagati aha, naje kugaruka. Numva binteye ishema cyane ko nabishoboye. Nize byinshi ari kuri njye ubwanjye ndetse no ku buzima bwanjye. Byatumye ngira ishyaka birushijeho. Kuva ubu mba nzi icyo nshaka n'icyo ntashaka. Namenye ko: Ntari njyenyine!"

Twifatanye na Rieke, muri nzeri, dutekereze kuri iri jambo rigira riti: **Nturi wenyine!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza abandi ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.